RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
KG 4 Ave 8, Kimihurura, P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda

Our Ref : 14831|RRA|CG|LGT|020

Your Ref :

Date : 02 NOV 2020

ITANGAZO

Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kiramenyesha Abasora bose banditse ku musoro ku mutungo utimukanwa ko ubu bashobora gutangira gusorera Imitungo yabo umusoro ku mutungo utimukanwa w'umwaka wa 2020.

Uyu musoro umenyekanishwa binyuze ku rubuga rw'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro www.rra.gov.rw, ahanditse Imisoro yeguriwe uturere "*Pay District Revenues Here*", mugakurikiza amabwiriza.

Itariki ntarengwa yo kumenyekanisha no kwishyura uyu musoro ni 31 Ukuboza 2020.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro buboneyeho kandi kwibutsa abatarandikisha imitungo yabo kwihutira kuyandikisha kugirango nabo babashe kuyisorera, ndetse n'ababa bafite ibirarane byawo kwihutira kubyishyura. Ukeneye ubufasha wagana ibiro by'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro bikwegereye.

Ku bindi bisobanuro, mwahamagara ku murongo utishyurwa 3004, cyangwa mukatwandikira ku mbuga nkoranyambaga zacu.

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA P.O BOX3987 KIGALI

BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal
Komiseri Mukuru